Mwalimu arabagezaho isesengura rishyira hanze ubwicanyi bw'urubozo bwakorewe Abatutsi n'abanyenduga Ibitabo byanditswe na Hassan Ngeze bishinja Colonel Nsengiyumva Anatole

Iri sesengura , rizabageraho mu bice bine , hakurikijwe imiterere y'ikibazo ryibanzeho, kireba ba nyirubwite. Nkuko nabibabwiye kenshi, iyo mvuga abicanyi nta n'umwe mbabarira, baba abo muri FPR, abo mu nterahamwe se, cyangwa abo mu ngabo zasimbuwe n'iza FPR.

Jye Mwalimu, nihaye integano yo kutagira ubwoko mbogamiraho, akarere, amadini, cyangwa ishyaka iryo ari ryo ryose, ni bwo buryo bwiza bwo gufasha abakiri bato tubereka impamvu zose zatumye u Rwanda rusenyuka, n'abagize uruhari mu kurusenya abo ari bo bose aho baba babogamiye hose.
Ntidushobora kuvuga ku bwicanyi bwakozwe na bantu bo muri FPR ngo duhagararire aho, maze ngo tuvuge ko twubatse igihugu. Ni ngombwa ko abantu nka ba Colonel Nsengiyumva Anatole, ubwicanyi bakoreye abatutsi bwose buvugwa nta gihishwe, kimwe n'ubwicanyi bakoreye abahutu bene wabo. Niba uvuze Ibingira, ukavuga Nziza, erura ube umugabo

ushyire hanze ubwicanyi Anatole Nsengiyumva yakoreye abatutsi, bityo uzaba ufashije abakiri bato.

Uwitwa Colonel Anatole Nsengiyumva, aherutse gusohora inyandiko ndende cyane y'amapaji 130, mu kinyamakuru cyitwa the Rwandan gisohoka gusa kuri interenet, yikoma ibitabo by'umwanditsi Hassan Ngeze wamwanditseho cyane ku ruhari rwe muri jenoside yakorewe abatutsi bo ku Gisenyi muri 1994, kimwe n'abahutu batavugaga rumwe n'ubutegetsi bwa Habyarimana cyangwa abahutu bakomokaga mu majyepfo y'u Rwanda.

Ibyo bitabo bya Hassan Ngeze , narabisomye byose, mbonamo ibyo ashinja uyu mugabo, hiyongeraho ko ibivugwa muri ibyo bitabo byose cyangwa ibyinshi mbizi, kuko byabaye mbirera. N'inyandiko ya Anatole Nsengiyumva na yo narayisomye yose, hiyongeraho ko uwo Nsengiyumva ari umuntu nzi cyane, n'uruhari rwe mu marorerwa yagwiriye u Rwanda nkaba nyazi kurusha benshi mu batamuzi.
Abasomyi benshi, twari dutegereje ko Anatole Nsengiyumva asubiza ibirego by'amateka byose Hassan Ngeze yamuvuzeho mu bitabo bibiri byitwa Rwanda Igicumbi cy'ikinyoma, n'ikindi cyitwa Rwanda Ukuri kwahishuwe.
Icyatangaje abasomyi, ni uko aho kugira ngo uyu musirikare yiregure kuri buri ngingo, we yayobeje uburari yigira umuvugizi w'ingoma ya Habyarimana, maze atuzanira igice kinini cy'inyandiko za Kangura muri icyo gisubizo cye. Gusa yagize neza kuko abataragize amahirwe yo gusoma zimwe mu nyandiko za Kangura, nibura bazisomye muri icyo gisubizo cye . Icyo gisubizo ukurikije uburebure bwacyo, byatumye twiyemeza kuzamugezaho amasesengura ane atandukanye, kandi yose mukazayasoma. Ni mu bitabo bizakurikiraho.
Twizere ko nawe azandia igitabo kizasomwa n'abanyarwanda bose, cyane cyane abo yahekuye, abo yiciye ababo, abasobanurira icyamuteye guhekura abanyarwanda.

Turebere hamwe ibyo ibitabo bya Hassan Ngeze bishinja Colonel Nsengiyumva Anatole ; kandi benshi twari dutegereje ko ari byo yakagombye kwireguraho.

1. Ngeze ashinja Anatole kuba ari we wateguye kandi agashyira mu bikikorwa ubwicanyi bwakorewe abatutsi bo ku Gisenyi .
2. Colonel Nsengiyumva Anatole ni we wayoboye amanama y'abicanyi kandi anabaha intwaro za leta zo kujya kwica abatutsi.
3. Abasirikare bategekwaga na Anatole ni bo basohotse mbere y'abandi bose, batangira kwica abatutsi bo mu mujyi bahereye ku batutsi bari batuye impande z'ikigo cya Gisenyi.
4. Anatole ni we wishe umuryango wose wa Gacukiro jean Baptiste , umugore n'abana be.
5. Anatole ni we wishe umusaza Setako Efrem kandi anasahura ibyari mu nzu ye byose.
6. Anatole Nsengiyumva ni we wategetse iyicwa ry'abatutsi bakoraga ku ruganda rwa Bralirwa.

7. Inama ya mbere yatangije ubwicanyi yayobowe na Anatole Nsenyiyumva. Nyuma y'isaha imwe gusa, indege ya Habyarimana imaze kuraswa, interahamwe zitabiriye iyo nama niho zahise zihabwa imbunda n'amabwiriza yo guhita batangiza ubwicanyi mu mugi wa Gisenyi.
8. Abaturage batuye umujyi wa Gisenyi abenshi bibuka ukuntu Anatole yirirwaga azenguruka umujyi wose areba niba ubwicanyi bw'abatutsi burimo bukorwa nk'uko yabyifuje.
9. Ku Gisenyi abatutsi bishwe inzu ku yindi, kandi byose byakorwaga ku bufatanye bw'interahamwe n'ingabo zatahaga mu kigo cya Anatoe Nsengiyumva.
10. Iyicwa rya mushiki wa Nzungize, wa mubikira wishwe bataretse imfubyi yareraga, ubwo bwicanyi bwategetswe na Anatole Nsengiyumva we ubwe, agira ngo arahima Nzungize wari umunyenduga. Imodoka yatwaraga izo mfubyi, yahise itangira gukoreshwa mu bwicanyi bw'abatutsi kandi ikarara mu kigo cya Gisenyi.

Ku byerekeye ugukira kwa Musenyeri Karibushi, amatariki Nsengiyumva avuga arabeshya , kuko ibyanditse mu gitabo cya Hassan Ngeze ni byo by'ukuri. Kuko abaministre ni bo bahuruje Anatole bamusaba ko agira impuhwe agatabara Karibushi wari ugiye guhambwa ari mu zima. Aba bagabo babihamya , ni abaministre bari muri guverinoma ya Kambanda, bakubiswe n'inkuba babonye ikirara cyitwa Kodomo kijyanye Musenyeri Karibushi bamwambitse ubusa.

Niba Anatole avuga ko yagiye kuri commune rouge gukiza Karibushi, agasanga bagiye kumuhamba ari muzima kandi yambaye kositimu, ni kuki atakijije abandi batutsi bahicirwaga , bagahambwa ari bazima? Ni kuki Anatole wiyemerera ko yageze kuri komine rouge, kuki atafunze cyangwa ngo ahane abicanyi birirwaga aho ku irimbi bahamba abatutsi ari bazima ? Niba Anatole yaragize ubutwari bwo gukiza Karibushi nk'uko abivuga, abandi batutsi kuki atabakijije kandi baricwaga n'abantu yahaga amabwiriza . Kuki atabujije iyicwarubuzo ry'abatutsi bicirwaga kuri komine rouge cyangwa bahambwaga ari bazima ?
Ndagira ngo nibutse Anatole Nsenyinyumva ko isi idasakaye kandi ko itigeze isakarwa. Ibyakozwe na we byose abari ku Gisenyi barabibonye.
Ndagira ngo nibutse Anatole ko mfite amafoto ya video kimwe n'andi mafoto nafashe muri cya gihe cya jenoside, ibyabaha yakoze rero nabyifuza tuzabimwereka mu mafoto kandi vuba cyane.

Anatole Nseguyumva, umunyabinyoma wifuza gusibanganya ibimenyetso:
Kuki Anatole Nseguyumva atavuga urupfu rw'abanyururu b'abatutsi baguye kuri cachot y'ikigo cya gisirikare yategekaga ? Kuki Anatole Nsengiyumva ntacyo yavuze ku bwicanyi bwakorewe abanyururu b'abatutsi, kimwe n'abanyururu b'abanyenduga biciwe muri gereza ya Gisenyi? Abari batuye umujyi wa Gisenyi baribuka ukuntu imodoka ya giserikare, n'andi ma Daihatsu, yagiye yikoreye imirambo y'abanyururu b'abatutsi bishwe bazira gusa ko ari

abatutsi, bitegetswe na Anatole Nsengiyumva. Nibutse kandi ko ikigo cya gisirikae gifatanye na gereza ya Gisenyi y'icyo gihe.

Anatole Nsengiyumva yacitse ubutabera mpuzamahanga :
Ni byo koko, kuko urebye abatutsi bishwe ku Gisenyi bitegetse nawe, ugashyiramo barya banyururu biciwe mu magereza, ibyo birego bikaba bitarageze mu rukiko mpuzamahanga, kubera ubuswa bw'abashinjacyaha b'urwo rukiko, jye mperaho nemeza ko Anatole yacitse ubutabera mpuzamahanga.

Gusambanya abatutsikazi muri jenoside , agambiriye kubabeshya ko ari bubarindire umutekano wabo, kuko ibi ntacyo yabivuzeho mu nyandiko ye ?
Kuki Anatole ntacyo yavuze ku batutsi yishe yabahamagaje mu nama kuri stade umuganda, ababenshya ko ari inama y'amahoro maze abari barabashije kwihisha akaba abonye uburyo bwo kubatsemba ?

Ugufunga Hassan Ngeze amuziza ko arimo acikisha abatutsi :
Mu nyandiko ya Anatole yagerageje kubeshya ko inshuro yafunze Hassan Ngeze ngo atari nyinshi. Nyamara yibagiwe ko ubwo Colonel Bagosora yanyuraga ku Gisenyi mu kwezi kwa gatandatu agiye muri Afurika y'epho kugura intwaro, yansanze Hassan Ngeze afungiye mu kigo cya gisirikare azira gukiza abatutsi ?

Kuki Nsengiyumva atavuze ukuntu Joseph Nzirorera ari kumwe na Musabe Pasteur basanze Hassan Ngeze afungiye mu kigo cya gisirikare ku mabwiriza yatanzwe na Anatole, azira gusa igikorwa cyo gucikisha abatutsi abajyana muri Kongo ?
Impamvu Anatole yanga kwemera inshuro zose yafunze Hassan Ngeze muri kasho za gisirikare, ni ukubera abatutsi benshi bari bafungiye muri icyo kigo bishwe ku mategeko ya Anatole Nsengiyumva.
Colonel Bagosora aracyahari, yatanga ubuhamya ku bivuzwe ruguru.

Iyicwa rya Mayuya :
Ibisobanuro bya Anatole Nsengiyumva ni urukozasoni. Avuga ko ari we wari ushinzwe iperereza rya gisirikare , kuki atigeze amenya abo avuga ko bishe Mayuya. Jye ndahamya ko ibyo Hassan Ngeze yanditse ari byo. Mayuya yishwe na Anatole Nsengiyumva n'abo bafatanyije nkuko byanditswe mu bitabo bya Hassan Ngeze.

Itotezwa ry'abasirikare b'abanyenduga:
Iki kibazo cyasubizwa n'abasirikare bose babaye mu gisirikare cya Habyarimana , hagati ya 1980 kugeza 1993, igihe Anatole yarashinzwe ibiro by'iperereza muri Etat Majoro y'ingabo. Anatole yatanze amaraporo menshi kandi y'amahimbano agambiriye gupyinagaza abasirikare batari ab'iwabo; uza bihakana azabyandike avuge ko Anatole arengana.

Kuki Anatote atatubwiye urupfu yateguye rwa Nyiramutarambwirwa?
Kuki Anatole atatubwiye ukuntu yohereje uwitwa Safari kujya kumena akadobo k'amabyi kuri Silvio Sindambiwe na bagenzi be, abatera ubwoba ngo bareke kwandika ? Anatole yemera ko ari we wari ushinzwe iperereza rya gisirikare ku ngoma ya Habyarimana. Nabe umugabo, yemere amarorerwa yose yakoreye abanyarwanda bo mu tundi duce tutari utwo mu majyaruguru, cyane cyane abo mu majyepfo ? Anatole avuga ko Habyarimana atazi igihe abanyenduga biciwe. Mbega ikinyoma ! Mbese Anatole yibagiwe ko kuva Habyarimana yafata ubutegetsi ari we wari officer d'ordonance we, bivuze ko ari we wamugendaga inyuma aho yajyaga hose amutwaje amadosiye ! None niba Habyarimana ataramenye ko abo yavanye ku butegetsi b'abanyenduga bishwe na Anatole, nawe ntiyamenye ko abo banyenduga bishwe maze ngo ababwire Habyarimana ?

Tuvuge se ko Habyarimana yari impumyi ituma atamenya ubuzima bw'abantu yavanye ku butegetsi uko bamerewe muri za gereza ? Niba Habyarimana yari Impumyi se, na Anatole Nsengiyumva nawe yari impumyi, cyangwa abandi basirikare b'abakiga baganiraga na Habyarimana ?

Anatole akomeza avuga ko yafatanye Hassan Ngeze radio kabuhariwe mu itumanaho yitwa Kenwood. Iki nta gitangaza kirimo, nta n'amakuru mashya Anatole yaduhaye , kuko na Hassan Ngeze nawe mu bitabo bye yiyemerera ko abanyamerika bari baramuhaye ibikoresho kabuhariwe byamufashaga gukurikira ibintu byose byakorwaga n'ibice byombi, ibyakorwaga n'inkotanyi kimwe n'ibyakorwaga n'ingabo z'u Rwanda. Mu bitabo bya Ngeze nawe yemera ko ubu buhanga yari abufite, ko n'ibi bikoresho yari abifite .

Niba koko ibyo Anatole yivugira ari byo koko, sinzi impamvu inkotanyi zitafashe u Rwanda mu cyumweru kimwe gusa bidasabye imyaka ine yose !
Anatole avuga ko ikigo cy'abajandarume cyagiye gutera kwa Hassan Ngeze ngo bamwambure intwaro yari afite, kigasanga afite abasore bamurinze bakomeye kurusha abo bajandarume; bigatuma basubira inyuma bakajya gutabaza ingabo.

Ngo Anatole bamaze kumutabaza nawe yihutiye gusaba uruhushya kwa perefe rwo kujya gutera kwa Hassan Ngeze , ngo urwo ruhushya bamaze kuruhabwa, Anatole yasabye bataillon ya 62 yategekwaga n'uwitwa Habimana, yari ifite ibirindiro byayo ku musozi wa Rubavu maze bemeza kuzatera Ngeze bamuguye gitumo . Biza gukorwa mu masaa kumi n'imwe za mugitondo, basanga Ngeze yabacitse.

Rwose mwibaze, uyu mugabo ngo ni Colonel, ufite Brevet d'Etat Major bita BMS wategekaga akarere ka Gisenyi, Ruhengeri, Kibuye na Cyangugu, muri jenoside, ariko kujya gufata Ngeze bikamunanira, ngo ikigo cy'abajandarume cyamaze kunanirwa gufata Ngeze, akiga ubundi

buryo bwo kohereza bataillon ya **62 navuze ruguru . Niba koko ibi Anatole avuga mu ibaruwa ye ari byo, murabona u Rwanda hari abasirikare rwari rufite koko ?**
Umuturage nka Hassan Ngeze ukavuga ko ingabo zananiwe kumufata kubera kurindwa n'insorensore zifite intwaro ? Anatole nawe yemera ko Hassan Ngeze ari we wababwiye ko ibyo Kajeguhakwa yarimo byari ugutegura intambara y'inkotanyi, ngo colonel Bahufite yababwiye ko bajya gushaka Hassan Ngeze, akaba ari we ubaha amakuru nyayo. Hassan Ngeze akababwira ko Kajeguhakwa ashaka gutoroka agasanga inkotanyi ziza gutera u Rwanda ! Ngaho mwibaze umukoloneli wategekaga iperereza ry'u Rwanda utaruzi ko inkotanyi zizatera, akabimenya ari uko bamwohereje kujya guhura na Hassan Ngeze ngo ari we ubaha amakuru y'ukuntu u Rwnda rugiye guterwa !

Umwanzuro:
Niba igisirikare cya Habyarimana cyari cyarazambye, umuntu wa mbere wakizambije ni uyu Anatole Nsengiyumva wari ushinzwe ibiro by'iperereza guhera 1980 kugez 1993. Twibuke ko kuva 1973 kugeza 1982 yarashinzwe kugenda inyuma ya Habyarimana. Niba u Rwanda rutarigeze rugira iperereza rya gisirkare rya nyaryo ni uko rwakoresheje abasirikare nka bariya ba Nsengiyumva mu myanya batahinduraga. Ku byerekeye ubwicanyi bwose bwakozwe mu buryo burambuye butegestwe na Anatole Nsengiyumva ntimuzatangwe mu isesengura rya kabiri rizakurikira iri.

Tugiye Gushaka uko twaganira na Hassan Ngeze tumubaze amakuru y'inyongera yaba afite ku marorerwa yose yakozwe na Anatole Nsengiyumva.
Ku byerekeye abanyagisenyi bahekuwe na Anatole NSENGIYUMVA , abenshi bazasoma iri sesengura bazamwisubiriza, kuko ubwicanyi yakoze yabukoze nta bwoba afite, atanazi ko bizamugaruka.
Niba hari abantu batarenze batatu, bashenye igisirikare cy'u Rwanda, bagasenya ubutegetsi bwa Habyarimana, Anatole ni uwa mbere, kandi akaba uwa kabiri, nyuma hagakurikiraho undi wa gatatu. Mu bitabo bya Hassan Ngeze , nawe yemera ko yahanganye n'abasirikare ba Anatole Nsengiyumva mu gikorwa cyo gukiza abatutsi; Ngeze abakiza, Anatole nawe ashaka kwica Ngeze abimuziza.

Ikintu gitangaza kurusha ibindi:
Anatole, mu nyandiko ye avuga ko yafatanye Hassan Ngeze imbunda 8 kandi akanamufatana radio kabuhariwe mu gutumanaho, kandi ko Ngeze yararaga arasa mu kirere ijoro ryose akabuza abantu gusinzira, ngo amaze kumufata, yaramufunze. Mu gihe atangiye kumubaza, ngo haza teregramu ya ministre w'ingabo itegeka Anatole guhita arekura Hassan Ngeze ako kanya.
Ngaho mwibaze, umuntu nka Ngeze bari gufatana ibyo bikoresho byose mu gihe cy'intambara, mu gihe cya jenoside, Ngeze ashinjwa gucikisha abatutsi, maze mu gihe amaze gufungwa, ministre w'ingabo agategeka ko ahita arekurwa ako kanya . Niba ibi ari byo,

Anatole niyemere ko Hassan Ngeze yarakomeye kumurusha imbere ya Ministre w'ingabo. Kuki se umuntu nkuko bafatanye ibyo bikoresho by'intambara, ministre yategeka ko ahita arekurwa , nta n'ibazwa ribayeho, aha buri wese nahibaze.

Abasoma iyi nyandiko kugira ngo bumve neza ishami Anatole yarahagarariye, ni nka DMI y'ubungubu kwa Kagame. Bivuze ko Anatole Nsengiyumva yategetse DMI yo ku butegetsi bwa Habyarimana imyaka hafi 13 yose, ari we ushinzwe kwica abantu bose batemeraga ibitekerezo cyangwa imyumvire y'abategetsi bo hejuru kwa Habyarimana.

Ubu nibaza niba Anatole Nsengiyumva, n'ubwo yafunguwe yumva umutima we utari hamwe mu gihe azi neza ko imiryango yatsembeye ababo itigeze ibona ubutabera, nibura azajye kubereka ibyobo yaroshyemo abishwe bose mu karere yategekaga. Jye Mwalimu, ibyo mvuga kuri Anatole sibyo nabwiwe, si n'ibyo nasomye, ahubwo ibyinshi narabyiboneye, naramubonye twaravuganye, ndetse henshi mfite namafoto ye, usibye ko ari kumwe n'abandi numva ntarageza igihe cyo gushyira ahagaragara. Amanama Anatole yakoresheje abicanyi ku nshuro zitandukanye, azi neza ko namusanze mu biro bye, ko abo bose mbazi, kandi ko nabo biyizi ndetse barimo baranasoma iyi nyandiko.

Hari aho Anatole avuga ko Hassan Ngeze yashatse kumufungisha mu rukiko rwa Arusha, niba ubwicanyi bwose Anatole yakoreye abatutsi, Hassan Ngeze yari abifitiye ibimenyetso, ni kuki se nyine ibyo bimenyetso bitakoreshwa , ngo yerekwe uruhari rwe mu gusenya igihugu, yibutswe uburyo yishe abatutsi urubozo, jye ndacyahamya ko Hassan Ngeze afite ukuri, nkuko ahora atubwira ko afite ibimenyetso by'ubwicanyi bwa FPR , anafite ibimenyetso by'abandi bicanyi nka ba Anatole, byose bigomba kujya ahagaragara. Jye ubwanjye, nzashyira ahagaragara ibindi bimenyetso byerekana uruhari rwa Anatole Nsengiyumva. Ibyo Hassan Ngeze yibagiwe gushyira mu bitabo bye, jye mbemereye kuzabibagezaho vuba aha.

Colonel BMS Nsengiyumva Anatole, ibikubiye muri iki gika, ndifuza ko wabisomana ubwitonzi kandi ukazabisubiza byose nubishobora :

Mu nyandiko yawe hari aho wavuze ko Ngeze yashatse kukurasira muri gereza, ariko ntiwatubwiye icyo Ngeze yifuzaga kukurasira n'impamvu atakurashe. Mbese na n'ubu uracyatinya Ngeze ko azakurasa agusanze aho wibereye ? Umunyururu, mugenzi wawe, mwabanaga muri gereza, wowe uri umusirikare mukuru wabyigiye, byari gushoboka bite ko umunyamakuru muhuriye muri gereza ngo ari we ukurasa ? Anatole, wowe uravuga Ngeze yaraguhaye amahirwe yo kukwica akurashe, mu gihe wowe abatutsi wishe muri jenoside wabagambaniye ari bazima, ubahamba bumva, ntiwabaha amahirwe yo gupfa ubarashe batababaye cyane; ariko wowe ngo Ngeze yagombaga kukwica akurashe, ibyo byibazeho. Mbese bikwibutsa urupfu rubi wishe abatutsi, kimwe n'abahutu batavugaga rumwe n'ubutegetsi bwa MRND wishe ubahambye ari bazima muri jenoside ?

Mbese umaze kumenya ko Hassan Ngeze yashatse kukurasa, ni nde mu bayobozi ba gereza wabibwiye, cyangwa mu bayobozi b'urukiko waba warabwiye ko Hassan Ngeze yashatse kukurasa ? Ubwo koko, uragira ngo abantu bemere ko wowe colonel n'ubwo waba umuswa ute, wamenya ko umuntu yashatse kukurasira muri gereza maze ukabiceceka, ntubibwire abategeka gereza ? Cyangwa abategeka urukiko ?

Tugaruke ku banyenduga b'abanyepolitiki :

Wihanukiye uvuga ko abo banyenduga bishwe n'ubutegetsi bwa Habyarimana wowe wari ukomeyemo, dore ko ari wowe musirikare wagendaga inyuma ya Habyarimana kuva 1973 kugeza 1982 aho uherewe kuyobora ibiro by'iperereza bya gisirikare. Mbese abo banyenduga bitwaga abanzi b'igihugu, abanzi b'ubutegetsi bwa Habyarimana, ni he mwabahambye ? Niba utemera ibyo Ngeze yanditse ; dore ko Ngeze yemeza ko abanyuma yabahambyeho, bishwe bicishijwe inzara muri gereza ya Ruhengeri. Wowe wari ushinzwe ibiro by'iperereza muri Etat majoro , waba uzi aho abo banyenduga mwabahambye ? Cyangwa aho mwajugunye imirambo yabo? Wibuka se abo banyenduga mwitaga abanzi b'igihugu amazina yabo? Mu iperereza ryawe se waba warigeze kubibwira Habyarimana nibura hagati ya 1982 kugeza 1993 aho wirukaniwe kuri uwo mwanya ukoherezwa gukorera ku Gisenyi ?

Urakina ku mubyimba w'abanyenduga babuze ababo. Ahubwo ba intwari , ube umugabo, utange amazina y'abantu bose mwishe, n'aho mwataye imibiri yabo, kugira ngo abana babakomokaho bazabashe gusaba kubashyingura ku mugaragaro ?

Anatole Nsengiyumva, uwavuga ko uri umunyabinyoma ntiyaba akubeshyeye . Mbese wibuka ko kuva 1976 kugeza 1992, imyaka 16 yose, perefegitura ya Ruhengeri yategekwaga na Zigiranyirazo, muramu wa Habyarimana, kandi abo banyenduga bakaba bariciwe muri gereza ya Ruhengeri. None uravuga ko Habyarimana atabwiraga muramuwe uko abanzi b'igihugu b'icyo gihe bishwe ? Ndavuga abanyenduga bari bamaze guhirikwa ku butegetsi ?

Tugaruke ku kibazo cy'amadorari 1500 ngo Hassan Ngeze yahaye Matayo Ngirumpatse ngo aze kuyaguha ,

Birazwi ko ubwo Hassan Ngeze yafatwaga, urukiko mpuzamahanga rwasanze kuri compte ye amadorari y'abanyamerika hafi miliyoni. Ibimenyetsio bitwereka ko benshi mu bari bafungiwe Arusha bafunganwe na Hassan Ngeze yabahaye amafranga yo kuvana imiryango yabo muri Afrika bayijyana I Buraya; none se waba uri umwe mu bo Hassan Ngeze yahaye amafranga ye yo gutwara umuryango wawe I Buraya ? Kuki utatubwira icyo Ngeze yaguhereye ayo mafranga ? Umuntu washaste kukurasira muri gereza nyuma ngo yashatse kuguha amadorari 1500 ? Ibyo wanditse ntibisobanutse, wagira ngo harimo ihahamuka.

Anatole Nsengiyumva, aho utuye ubana mu nzu imwe na Zigiranyirazo Protais Ngeze ashinja kugira uruhari mu iyicwa ry'abanyenduga. Mbese utegura kirya gisubizo , ntabwo Zigiranyirazo yaba yarakuvugiyemo, cyangwa yaragukoreyemo, kuki we atavuga kandi ari we

Ngeze yavuze cyane mu iyicwa ry'abo banyenduga bishwe abigizemo uruhari nk'uko Ngeze yabyanditse mu bitabo bye ?

Anatole Nsengiyumva, andikira kirya kinyamakuru wacishijeho inyandiko yawe cyitwa the Rwandan, usobanurire abanyenduga, amakuru yose ukomora ku iperereza ryawe wakoze ugishinzwe DMI ku butegetsi bwa Habyarimana. Usobanurire buri wese aho mwajugunye imirambo y'abanyenduga mwishe mumaze kubavana ku butegetsi. Nizeye ko ababuze ababo, bazashimishwa no gusoma inkuru uzaba wanditse, ubabwira uko mwishe ababo n'aho mwabajugunye .

Anatole Nsengiyumva, amaraso arasama, arakora. Nzi neza ko udasinzira kuko ibintu wanyuzemo ugishinzwe ibiro by'iperereza rya gisilikare ni bibi cyane, harimo kwica inzirakarengane no kurigisa abantu batigeze bagaragara.
Anatole Nsengiyumva , mbese waba wibuka impamvu wirukanwe muri Etat Major, ukavanwa kuri urya mwanya wo kuneka, ukoherezwa ku Gisenyi ? Impamvu niba utayizi, reka nyikubwire . General Nsabimana Deogratias amaze gushingwa kuyobora ingabo, ikintu cya mbere yakoze ni ukukwirukana kuri uwo mwanya, no kukwigizayo kure. Ni naho abantu babashije gusoma ibinyoma byose wagiye ubeshyera abasirikare mutavugaga rumwe cyangwa bakomokaga mu majyepfo y'u Rwanda, ahitwa mu Nduga.

waba wibuka ibinyoma wakururiye uwitwa colonel Alphonse Nteziryayo, umuziza ko ari umunyabutare, umwita umututsi ngo ntazahabwe umwanya uwo ari wo wose wakwizerwa , kuko adakunda ubutegetsi ? Nyamara uyu Nteziryayo Alphonse ni umwe mu basirikare bajijutse u Rwanda rwari rufite, ariko raporo zawe z'ibinyoma zituma adindizwa .
Uribuka raporo zawe zivuga ko uwitwa colonel Tharcisse Muvunyi ari inkotanyi, ngo naticwa aratuma igihugu gifatwa ? Nyamara mwaje gufunganwa Arusha, wamureba ukibuka ibinyoma wamuhimbiye bikagutera isoni.
Reka ndangirize ku busambanyi wakoreye abagore n'abakobwa b'abatutsikazi kuva 1973 kugez 1994 atari ukubakunda, ahubwo ari nk'igihano wabahaga. Mbese waba wibuka umubare wabatutsikazi wafataga ku ngufu (viol) , ndetse bamwe ubambura abagabo babo ? Ibi byose birazwi n'ubwo batajya babikubwira.
Ku byerekeye abanyagisenyi watsembye, ndabizi igihe kizagera Imana ibahorere, kuko kuba waracitse ubutabera bw'urukiko rwa Arusha kubera ubuswa bw'ubishinjacyaha, ntabwo uzacika ubutabera bw'Imana , bwo ntawe ababeshya.

Iri jambo uzahore uryibuka :
Waranditse ngo ugiye kuri komine rouge, usanga Musenyeri Karibushi bataramuhamba ari muzima, uramufata, uramuzana. Mbese ko nta bandi wavanye mu mva icyo gihe ? Kuki utahise ufunga abo bicaga abantu kuri komine rouge ? Kuki utahise wunamura icumu ngo usabe abicanyi wari warategetse kwica abatutsi, guhita bahagarara ? Kuki komine rouge

yakomeje guhamba abantu bazima ubizi, ubibona kandi ari nawe wabitegetse kugeza ubwo duhunze ? Ibi byose, byanze bikunze, hari igihe uzabibarizwa usibye ko ntazi niba usinzira. Jye Mwalimu, usibye no kuba naragukozeho ubushakashatsi buhagije , ibyinshi bikubiye mu bwicanyi wakoze, narabibonye , nabihagazeho .

Naho ku byerekeye ibyo Ngeze Hassan yanditse mu bitabo bye, byose ni byo kandi ni ukuri. Ahubwo kubera ukuri kuryana, ubu abakoze amarorerwa bose guhera 1973 mwarahagurutse kugira ngo mubuze ukuri kugaragara. Gusa Ngeze ndamuzi neza, ntacyo mwakora ngo mumubuze kuba yasohora ibyo abaziho byose.

Mu bindi bibi byinshi Anatole Nsengiyumva yakoze, Mwalimu yifuje kumwibutsa, harimo, kwibasira abanyenduga, nko kwica Minisitiri Muganza wakomokaga ku Gikongoro, yica Depite Nyiramutarambirwa Felikula wakomokaga i Gitarama, yica Padiri Silvio Sindambiwe wari umukuru wa Kinyamateka, wakomokaga i Gitarama, n'abandi narondoye ruguru.

Uzahore wibuka ukuntu wategetse ko uwitwa Sinibagiwe Stanis wategekaga icapiro Imprisco yishwe ku kagambane kawe na Zigiranyirazo, nyamara ministre w'ingabo Bizimana yari yagusabye ko umufasha kumwambutsa umupaka umujyana muri Kongo. Uyu muhutu w'i Byumba wari utunze umunyagitaramakazi mwamwishe mumuziza ko yari muri MDR, ishami rya Twagiramungu.

Nimutuze, mwemere kandi musabe imbabazi.

Iri sesengura mwarigezwagaho na Mwalimu